# IMFASHANYIGISHO YA 12: GUTERA ISHWAGARA

**Ishwagara ni iki?**



- Ishwagara ni ikinyabutabire gifite karisiyumu nyinshi (uyu ni umunyungugu ituma amagufa cyangwa amenyo yawe akomera). Ifite umwihariko wo kugabanya ubusharire bw'ubutaka bityo
- Hari ubwoko bubiri bw'ishwagara:
  - Ishwagara ikoreshwa mu buhinzi ibamo umunyu wa karisiyumu karubonate.
  - Ishwagara ibamo umunyu wa Dolomitic ikaba irimo imyunyu ya karisiyumu na manyeziyumu.
- Ibihingwa na byo bikenera umunyu wa karisiyumu kimwe n'abantu.
- Umunyu wa karisiyumu ni ingenzi cyane mu butaka. Iyo uyu munyu ubaye mukeya mu butaka, ibihingwa ntibishobora kubona uboryo byakira ibibitunga biba mu butaka iyo ubutaka burimo ubusharire bukabije. Ni ukuvuga ko rero kongera ishwagara mu butaka byongerera ibihingwa ubushobozi bwo gukurura udutungagihingwa turi mu butaka bityo ibiti bya kawa bikatubona byoroshye bigatanga umusaruro ushimishije
- Ubutaka bwinshi mu Rwanda bukennye ku munyu wa karisiyumu na manyeziyumu kuko busharira, bityo rero bukeneye ishwagara ikoreshwa mu buhinzi
- Nibyiza ko abahinzi bapimisha ubutaka bwabo mbere yo gutera ishwagara cyangwa ifumbire, kugirango bamenye icyo ubutaka bwabo butunze, icyo bubura hashingiwe kubyo ikawa yabo ikeneye. Nyuma yo gupimisha ubutaka, umuhizi amenya niba yatera kugiti ishwagara ingana na 0gr/100gr/200gr/300gr mu mwaka/

**Igihe cyo gutera ishwagara**

- Ishwagara iterwa mugihe cy’izuba, muri Nyakanga kugera muri Kanama
- Iyo itewe mumvura itwarwa n’amazi y’imvura**Uko batera ishwagara**
- Tera Gr: 100 cyangwa 200 cyangwa 300 (bitewe n’ibyavuye mu isuzumwa ry’ubutaka) z’ishwagara iruhande rw’igiti, ukwirakwize kubutaka bwose buri munsi y’ibiti bya kawa

**Urugero rwa gahunda yo gufumbira kawa mu rwanda**

